A foreigner may be granted freehold title if provided for by an international convention that Rwanda is signatory to or under the condition of reciprocity deriving from bilateral agreements.

In Special Economic Zones, a foreigner shall be treated as a national and may be granted a free hold title.

**Section 4: Droits fonciers des étrangers**

**Article 23: Bail emphytéotique**

Sans préjudice des dispositions des articles 6, 7 et 8 de la présente loi, les ressortissants étrangers bénéficient d'un bail emphytéotique sur les terres, acquises des personnes privées ou concédées par l'Etat, d'au maximum quarante neuf ans (49), sur la base d'un plan d'aménagement et d'un plan d'investissement préalablement approuvé par les autorités compétentes. La période accordée est renouvelable.

**Article 24: Titre de pleine propriété basé sur la condition de réciprocité ou les conventions internationales**

Un étranger peut bénéficier du titre de propriété foncière si cela est prévu par une convention internationale dont le Rwanda est signataire ou sous la condition de réciprocité découlant de conventions bilatérales.

Dans les Zones Economiques Spéciales, un étranger jouit des mêmes droits qu'un national et peut bénéficier du titre de pleine propriété foncière.

**<u>Icyiciro cya 5:</u> Kwatisha ubutaka bw'ubuhinzi, ubworozi n'amashyamba**

**<u>Ingingo ya 25</u>: Kwatisha ubutaka**

Iri tegeko ryemera kandi rikarengera amasezerano yerekeranye no kwatisha ubutaka bugenewe ubuhinzi, ubworozi n'amashyamba.

Iteka rya Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano ze rigena uburyo kwatisha ubutaka buvugwa muri iyi ngingo bikorwa.

**<u>Ingingo ya 26</u>: Inyandiko mpamo yerekeranye no kwatisha ubutaka n'iyandikisha**

Kwatisha ubutaka bivugwa mu ngingo ya 25 y'iri tegeko bikorwa ku buryo bw'inyandiko mpamo. Iyo kwatisha bingana cyangwa birenze imyaka itanu (5) bikorerwa iyandikisha. Iyo kwatisha biteganyirijwe igihe kiri munsi y'imyaka itanu (5), iyandikisha rikorwa ku bushake hakurikirijwe amasezerano hagati ya nyir'ubutaka n'uwatisha.

Icyakora, kwatisha bikozwe n'uhagarariye umwana cyangwa undi muntu udashobora kwihagararira mu rwego rw'amategeko ntigushobora kurenza imyaka itanu (5).

**<u>Section 5</u>: Land sub-lease for agricultural, forestry and livestock production**

**<u>Article 25:</u> Sub-leasing land**

This Law recognises and protects sub-lease contract for agriculture, livestock and forest land.

An Order of the Minister in charge of land determines modalities of sub-leasing stated in this article.

**<u>Article 26:</u> Authentic document for sub-leasing and its registration**

The sub-leasing of lands provided for in Article 25 of this Law shall be concluded in an authentic form. If the sub-leasing period is five (5) years or more, it shall be registered. If the sub-leasing period is less than five (5) years, its registration shall be optional based on agreement between the both parties.

However, any sub-leasing carried out by a guardian on behalf of a minor or other person not qualified to represent him/herself shall not exceed a period of five (5) years.

**<u>Section 5</u>: Sous-emphytéose pour la production agricole, forestière et animale**

**<u>Article 25:</u> Sous-emphytéose**

La présente loi reconnaît et protège les contrats de sous-emphytéose des terres affectées à l'exploitation agricole, à l'élevage et à l'exploitation forestière.

Un arrêté du Ministre ayant les terres dans ses attributions détermine les modalités du sous-bail emphytéotique dont question au présent article.

**<u>Article 26</u>: Authentification et enregistrement de la sous- emphytéoseéose**

La sous-emphytéose prévue à l'article 25 de la présente loi est conclue dans la forme authentique. Elle est enregistrée lorsqu'elle est de cinq (5) ans ou plus. Lorsque la sous-emphytéose est conclue pour une période de moins de cinq (5) ans, l'enregistrement est volontaire sur base de l'accord entre les deux parties.

Toutefois, tout contrat de sous-emphytéose conclu par un tuteur d'un enfant mineur ou de toute autre personne juridiquement incapable ne peut excéder une période de cinq (5) ans.

**Icyiciro cya 6: Imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka, kuburinda no kubufata neza**

**Ingingo ya 27: Igenamigambi ry'imikoreshereze n'imitunganyirize y'ubutaka**

Imicungire y'ubutaka ku rwego rw'igihugu ikorwa hakurikijwe itegeko ryerekeye igenamigambi ry'imikoreshereze n'imitunganyirize y'ubutaka mu Rwanda.

Ubukode bw'ubutaka bwose kimwe n'ihererekanya ry'uburenganzira ku butaka bigomba gukurikiriza ibishushanyombonera by'imikoreshereze y'ubutaka by'aho ubwo butaka buherereye.

**Ingingo ya 28: Uburyo bwo kurinda, gufata no gukoresha neza ubutaka**

Uburyo bwo kurinda, gufata no gukoresha neza ubutaka bigenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

**Ingingo ya 29 : Ubutaka bw'ahantu hihariye mu by'ubukungu**

Ahantu hihariye mu by'ubukungu hagengwa n'itegeko ryihariye.

Iteka rya Perezida rigena imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka bw'ahantu hihariye mu by'ubukungu.

**Section 6: Land use management and its protection**

**Article 27: Land use and development planning**

The national land management shall be governed by the law relating to the planning of land use and development in Rwanda.

All land leases and land transactions shall respect the land use plans of the area where the land is located.

**Article 28: Modalities of protecting and sustainable use of land**

Modalities of protecting and sustainable use of land shall be determined by an Order of the Prime Minister.

**Article 29: Land for Special Economic Zones**

Special Economic Zones shall be determined by a specific law.

A Presidential Order shall determine the management and use of land in Special Economic Zones.

**Section 6: Gestion de l'exploitation des terres**

**Article 27: Planification de l'utilisation et de l'aménagement des terres**

La gestion nationale des terres suit les dispositions de la loi portant planification de l'utilisation et d'aménagement des terres au Rwanda.

Tous les baux emphytéotiques ainsi que toutes les transactions foncières respectent les plans d'utilisation des terres des lieux où se trouvent ces dernières.

**Article 28: Modalités de protection, conservation et utilisation rationnelle des terres**

Les modalités de protection, de conservation et d'utilisation rationnelle des terres sont déterminées par arrêté du Premier Ministre.

**Article 29 : Terres des Zones Economiques Spéciales**

Les Zones Economiques Spéciales sont régies par une loi spéciale.

Un arrêté présidentiel détermine le régime foncier des Zones Economiques Spéciales.

**<u>Ingingo ya 30</u>: Guhuza imikoreshereze y'ubutaka**

Hagamijwe kongera umusaruro, Iteka rya Minisitiri ufite ubuhinzi n'ubworozi mu nshingano ze rishyiraho uburyo n'ibigenderwaho mu guhuza imikoreshereze y'ubutaka bugenewe ubuhinzi n'ubworozi.

Birabujijwe kugabanyamo ibice ubutaka bugenewe ubuhinzi n'ubworozi mu gihe ibice biva muri uko kugabanya bitanga ibice by'ubutaka bifite munsi ya hegitari imwe buri gice cyagabanijwe.

Abatunze ubutaka bubujijwe kugabanywamo ibice babutunga bakanabukoreshereza hamwe mu buryo buteganywa n'amategeko.

**<u>Article 30:</u> Land use consolidation**

For purposes of optimization of productivity, an Order of the Minister in charge of Agriculture and Animal Resources shall set up procedures and modalities of land use consolidation for agricultural and livestock purposes.

It is prohibited to subdivide plots of land reserved for agriculture and animal resources if the result of such subdivision leads to parcels of land of less than a hectare in size for each of them.

Owners of lands prohibited to be subdivided shall co-own and use the land in accordance with the laws.

**<u>Article 30:</u> Consolidation de l'utilisation des terres**

Aux fins de l'optimisation de la productivité, un arrêté du Ministre ayant l'Agriculture et l'Elevage dans ses attributions établit les procédures et les modalités de consolidation de l'utilisation des terres destinées à l'agriculture et l'élevage.

Il est interdit de subdiviser les terres destinées aux activités agricoles et d'élevage lorsque la subdivision aboutit à des morceaux de terre de moins d'un (1) hectare pour chacun d'eux.

Les titulaires de droits fonciers sur les terres pour lesquelles la subdivision est interdite doivent former une structure légale d'utilisation commune des terres en question.

**<u>Icyiciro cya 7:</u> Inzego zishinzwe imicungire n'imitunganyirize y'ubutaka**

**<u>Section 7:</u> Land administration and management institutions**

**<u>Section 7:</u> Institutions de gestion foncière**

**<u>Ingingo ya 31</u>: Urwego rw'Igihugu rushinzwe iyandika ry'ubutaka, ibipimo n'amakuru y'ubutaka**

Kwandika ubutaka, gutanga no kubika impapurompamo zabwo, gucunga imikoreshereze yabwo, gutunganya ibipimo by'ubutaka n'amakarita yabwo bikorwa n'urwego rw'Igihugu rubifite mu nshingano.

**<u>Article 31</u>: National institution in charge of land registration and geo-information services**

Land registration, issuance of land title and maintenance of land register, land management, geo-information services shall be carried out by the competent national institution.

**<u>Article 31</u>: Institution nationale de l'enregistrement foncier et services de géo-information**

L'enregistrement, la délivrance des titres fonciers et leur tenue, la gestion des terres ainsi que les services de géo-information rentrent dans les attributions de l'institution nationale compétente.

**<u>Ingingo 32</u>: Ibiro by'ubutaka ku rwego rw'Akarere**

Hashyizweho Ibiro by'ubutaka ku rwego

**<u>Article 32:</u> District Land Bureau**

A land Bureau is hereby established at the District

**<u>Article 32:</u> Bureau Foncier de District**

Il est établi un Bureau Foncier au niveau du District

rw'Akarere biyoborwa n'Umukuru w'Ibiro by'ubutaka.

Iteka rya Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano ze rigena inshingano, imitunganyirize n'imikorere by'ibiro by'ubutaka ku rwego rw'Akarere kandi rikagena imikoranire n'izindi nzego zifite ubutaka mu nshingano zazo.

Umukuru w'Ibiro by'ubutaka kimwe n'undi mukozi wese wabiherewe ububasha n'Iteka rya Perezida, bafite ububasha bwa Noteri mu bijyanye n'ubutaka kandi bakora hakurikijwe amategeko agenga ibyerekeye inyandiko zikorwa na Noteri.

Ibiro by'Ubutaka ku rwego rw'Akarere bihabwa amabwiriza y'imikorere mu bya tekiniki n'urwego rw'Igihugu rushinzwe iyandika ry'ubutaka, ibipimo n'amakuru y'ubutaka.

**<u>Ingingo ya 33</u> : Komite z'ubutaka**

Hashyizweho Komite z'ubutaka zikurikirana imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka.

Imiterere, imikorere, inshingano, abagize Komite z'ubutaka n'inzego zikoreraho bishyirwaho n'Iteka rya Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano ze.

level and is headed by a District Land Officer.

An Order of the Minister in charge of land determines responsibilities, organisation and functioning of the Land Bureau at District level and determines working relationship with other institutions in charge of land.

The District Land Officer and other designated officer by a Presidential Order, acts as public notary in all matters pertaining to land in accordance with legislation related to notarised deeds.

The District Land Bureau shall be technically answerable to the national institution in charge of the national land registry and geo-information services.

**<u>Article 33:</u> Land Committees**

There is hereby established Land Committees responsible for follow up of management and use of land.

The organization, functioning, responsibilities, composition of Land Committees and level of operation shall be determined by an Order of the Minister in charge of land.

dont la direction est assurée par le Chef du Bureau Foncier.

Un arrêté du Ministre ayant les terres dans ses attributions détermine les attributions, l'organisation et le fonctionnement du Bureau Foncier de District ainsi que les modalités de collaboration avec d'autres institutions publiques ayant les terres dans leurs attributions.

Le Chef du Bureau Foncier de District et tout autre agent désigné par arrêté présidentiel, remplissent les fonctions de notaire dans toutes les matières foncières conformément à la législation sur les actes notariés.

Le Bureau Foncier de District reçoit des instructions techniques de la part de l'institution nationale chargée de l'enregistrement et de la gestion des terres ainsi que des services de géo-information.

**<u>Article 33:</u> Comités Fonciers**

Il est établi des Comités Fonciers chargés d'assurer le suivi de la mise en application des politiques de gestion et d'utilisation des terres.

Un arrêté du Ministre ayant les terres dans ses attributions détermine la structure, le fonctionnement, les attributions et la composition des Comités Fonciers ainsi que les niveaux administratifs de leurs opérations.

**UMUTWE WA IV: UBURENGANZIRA N'INSHINGANO KU BUTAKA**

**Icyiciro cya mbere: Uburenganzira ku butaka**

**Ingingo ya 34: Uburenganzira busesuye bwo gukoresha ubutaka**

Buri muntu afite uburenganzira busesuye bwo gukoresha ubutaka bwe hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko n'andi mategeko.

Leta yishingira uburenganzira bwo gutunga ubutaka mu mudendezo kandi ikanarinda nyirabwo kubwamburwa ku maherere, bwaba bwose cyangwa igice cyabwo, keretse gusa mu gihe cyo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange.

**Ingingo ya 35: Ibikorwa biri ku butaka bifatwa nk'ibya nyir'ubutaka**

Inyubako zose, ibihingwa n'ibindi bikorwa biri ku butaka byashyizweho na nyir'ubutaka akoresheje umutungo we cyangwa se ubundi buryo bifatwa nk'ibye.

Icyakora, ntibibujije ko umuntu ashobora gutunga inyubako, ibihingwa n'ibindi bikorwa ku butaka bw'undi muntu mu gihe bikurikije iri tegeko, andi mategeko cyangwa amasezerano na nyir'ubutaka.

Mu gihe inyubako cyangwa se ibihingwa byashyizwe n'undi muntu ku butaka butari ubwe

**CHAPTER IV: LAND RIGHTS AND OBLIGATIONS**

**Section One: Land rights**

**Article 34: Enjoyment of full rights**

The land owner shall enjoy full rights to exploit his/her land in accordance with the provisions of this Law and other laws.

The State recognizes the right to freely own land and shall protect the land owner from being dispossessed of the land whether totally or partially, except in case of expropriation due to public interest.

**Article 35: Developments found on land presumed to be land owner's property**

All buildings, crops and other works found on land that have been performed by the land owner using his/her money or otherwise are presumed to be his / hers.

However, this does not prohibit any other person to own buildings, crops and any other works on other person land in accordance with procedures provided for by this Law, other laws or agreement with the land owner.

When buildings or crops have been developed by a person on the land that is not his/hers through

**CHAPITRE IV: DROITS ET OBLIGATIONS FONCIERS**

**Section Première: Droits fonciers**

**Article 34: Jouissance de tous les droits**

Tout titulaire de droits fonciers jouit pleinement du droit d'exploiter sa terre conformément à la présente loi et aux autres lois.

L'Etat reconnaît à chacun le droit de posséder librement sa terre et protège les titulaires de droits fonciers d'en être dépossédé totalement ou partiellement, excepté dans le cas d'expropriation pour cause d'utilité publique.

**Article 35: Présomption que les réalisations faites sur la terre appartiennent au propriétaire**

Toutes constructions, plantations et ouvrages se trouvant sur le terrain sont considérés comme étant réalisés par le propriétaire foncier soit à ses frais ou d'une autre manière et qu'ils lui appartiennent.

Toutefois, cette disposition n'empêche pas qu'un tiers puisse avoir en propriété des constructions, des plantations ou autres ouvrages sur le terrain d'autrui conformément à la présente loi, aux autres lois ou aux conventions avec les titulaires des droits fonciers.

Lorsque les constructions ou les plantations ont été réalisées par un tiers sur des terres dont il n'a pas la

hadakurikijwe ibisabwa n'amategeko cyangwa amasezerano, nyir'ubutaka afite uburenganzira bwo gusaba uwabishyizeho kubikuraho bitabujije no gusaba impozamarira cyangwa indishyi mu gihe hari ibikorwa bye byangijwe.

**Ingingo ya 36: Uburenganzira ku mutungo kamere**

Uburenganzira ku butaka burimo amabuye y'agaciro na kariyeri ni ubw'umuntu ugaragaza ko yabubonye ku buryo bwemewe n'amategeko.

Amabuye y'agaciro na kariyeri zagenwe gutyo n'amategeko ni umutungo wa Leta.

**Icyiciro cya 2: Inshingano ku butaka**

**Ingingo ya 37: Inshingano zihariye zerekeranye no kubungabunga no gukoresha ubutaka**

Amasezerano atangwa na Leta agaragaza uburenganzira ku butaka n'inshingano zigomba kwitabwaho mu kubungabunga no gukoresha ubutaka hakurikijwe icyo bwagenewe gukoreshwa.

**Ingingo ya 38: Inshingano yo gutanga inzira ku butaka bw'undi bukomoka ku miterere y'ahantu**

Nyir'ubutaka ntagomba kubangamira uburenganzira bw'abandi. Kubera iyo mpamvu ntashobora:

1° kwima abaturanyi be inzira y'amaguru igera mu kwabo mu gihe nta handi

procedures that are contrary to laws or agreement with land owner, the later has the right to request the person who performed them to remove such development without prejudice to the land owner to claim indemnities for any damages suffered.

**Article 36: Rights on natural resources**

Rights on land containing minerals and quarries shall be held by the person that has proof of legal allocation.

Minerals and quarries designated as such are State property.

**Section 2: Land obligations**

**Article 37: Special conditions for conservation and exploitation of land**

Contracts granting rights on land issued by the State shall specify special conditions to be fulfilled for the conservation and exploitation of the land in accordance with the intended use of the land.

**Article 38: Servitudes**

The land owner shall not act against other people's rights. In that regard he/she shall not:

1° refuse passage to his/her neighbours leading to their parcels when there is not any other

propriété, le propriétaire foncier a le droit de demander que ce tiers les enlève, sans préjudice des dommages et intérêts pouvant résulter du préjudice subi.

**Article 36: Droits aux ressources naturelles**

Les droits fonciers relatifs aux terres contenant des mines et des carrières appartiennent à l'occupant qui justifie d'une acquisition régulière conforme à la loi.

Les mines et les carrières ainsi classifiées appartiennent à l'Etat.

**Section 2 : Obligations foncières**

**Article 37: Conditions particulières pour la conservation et l'exploitation des terres**

Les contrats avec l'Etat qui allouent des droits fonciers prévoient des conditions particulières, à remplir, relatives à la conservation et à la mise en valeur conformément à leur destination.

**Article 38: Servitudes**

Le propriétaire foncier ne doit pas faire obstruction aux droits des autres. Dans ce cadre, il ne peut :

1° refuser le passage pour piétons à ses voisins au cas où ils n'ont pas d'autre choix. Au-

bashobora kunyura. Icyakora, ku zindi nzira, bikorwa ku bwumvikane hagati y'impande zombi;

2° kubuza ko amazi y'amasoko atemba ku bwa kamere anyura mu butaka bwe;

3° kubuza abandi kuvoma ku iriba riri ku butaka bwe, keretse ashoboye kwerekana ko iryo riba ari we ubwe waryifukuriye.

**Ingingo ya 39 : Inshingano zo gukoresha neza ubutaka mu kububyaza umusaruro**

Umuntu wese utunze ubutaka, agomba kubukoresha neza kandi mu buryo bwongera agaciro kabwo no kububyaza umusaruro akurikije kamere yabwo n'icyo bwagenewe.

Umuntu wese ukoresha ubutaka bw'undi, yaba ashingiye ku masezerano yagiranye na nyirabwo cyangwa yaba yaraburagijwe ku buryo bwemewe n'amategeko, ategetswe kubufata neza no kububyaza umusaruro.

**Ingingo ya 40: Ubutaka bufatwa nk'ubukoreshwa neza**

Ubutaka bwitwa ko bufashwe neza kandi ko bubyazwa umusaruro ni ubutaka bwatunganyijwe buriho ibihingwa cyangwa inyubako, uburiho amashyamba, ubuhinge bwateguriwe guterwamo imyaka, ubutaka bumaze gusarurwamo imyaka bwarajwe mu gihe kitarenze imyaka itatu (3),

way. However, for other passage, this should be convenient for both parties;

2° block water that is naturally flowing through his / her land;

3° refuse other people to access water from a well found on his or her land unless he or she can prove that such a well has been dug by him or her.

**Article 39: Obligation of exploiting a land in a productive way**

Any person owning land shall exploit it in a productive way and in accordance with its nature and intended use.

Any person who uses another person's land, either basing on agreement he/she entered into with the owner of the land or whether he/she was assigned to it through legal procedures is required to properly maintain it and use it in a productive manner.

**Article 40: Land considered to be properly exploited**

Any land with crops, buildings or infrastructures, land with forests and seedling, land that has been under fallow for not more than three (3) years, harvested land, as well as any land on which a reasonable number of livestock is grazed either by individuals, associations or organizations with legal

delà du passage pour piétons, la servitude de passage est convenue entre les parties;

2° empêcher l'écoulement naturel des eaux de source à travers sa propriété;

3° s'opposer à ce que les tiers puisent de l'eau d'un puit se trouvant sur sa propriété à moins qu'il ne prouve que ce lui-ci a été creusé par ses moyens.

**Article 39: Obligation d'exploiter la terre d'une façon productive**

Toute personne titulaire d'un droit foncier, est tenue de l'utiliser rationnellement tout en augmentant la valeur et de l'exploiter de façon productive conformément à sa nature et à sa destination.

Toute personne qui occupe les terres d'une autre, soit par un contrat avec le propriétaire, soit par gardiennage foncier dans les formes légales, est tenue de les entretenir et de les exploiter rationnellement.

**Article 40: Terres considérées comme rationnellement exploitées**

Sont considérées comme étant rationnellement entretenues et exploitées de façon productive, les terres portant des cultures ou des infrastructures, des plantations de forêt, celles préparées pour la culture, celles mises en jachère pendant une périoden'excédant pas trois (3) ans, celles dont les

ubumaze gusarurwamo imyaka, kimwe n'inzuri abantu baragiramo umubare ukwiriye w'amatungo haba ku giti cyabo, haba mu mashyirahamwe cyangwa se imiryango ifite ubuzima gatozi.

**Ingingo ya 41: Ubutaka bufatwa nk'ubudakoreshwa neza**

Ntibushobora kwitwa ko bufashwe neza kandi bubyazwa umusaruro:

1° ubutaka butarinzwe isuri;

2° ubutaka bwagenewe guhingwa, butarimo imyaka cyangwa ibindi bihingwa nibura kugeza kuri kimwe cya kabiri (½) cy'ubuso bwabwo ;

3° ubutaka bwagenewe urwuri, butaragirwamo amatungo mu buryo bukwiye cyangwa butarimo ubwatsi bw'amatungo kugeza nibura kuri kimwe cya kabiri (½) cy'ubuso bwabwo;

4° ubutaka bugenewe inyubako cyangwa ibikorwa remezo ariko bukaba bitubatswe mu gihe cyagenywe n'urwego rubifitiye ububasha.

**Ingingo ya 42: Kutabangamira imirimo y'ikuzimu no mu kirere**

Nyir'ubutaka ntagomba kubangamira imirimo

personality shall be considered to be properly exploited and in a productive way.

**Article 41: Land considered not to be properly exploited**

It shall be considered not to be properly exploited, if:

1° the land is not protected from soil erosion;

2° the land meant for agriculture is not covered by crops or other plants at least up to a half (1/2) of its area;

3° the land meant for grazing does not respect grazing regulations or is not covered by pasture for animals up to at least one half (1/2) of its area;

4° the land meant for buildings and/or infrastructures is not developed within the period prescribed by competent authority.

**Article 42: Non-hindrance to underground and space activities**

A land owner shall not hinder underground

cultures viennent d'être récoltées ainsi que les pâturages pour un nombre approprié de bétail détenu soit par desr individus, soit des associations ou organisations dotées de la personnalité juridique.

**Article 41: Terres considérées comme irrationnellement exploitées**

N'est pas considérée comme étant rationnellement entretenue et exploitée de façon productive:

1° la terre qui n'est pas protégée contre l'érosion ;

2° la terre à usage agricole qui n'est pas couverte de plantations ou de cultures sur au moins la moitié (½) de sa superficie ;

3° la terre à usage pastoral qui ne respecte pas les règlements en la matière ou qui n'est pas couverte de cultures fourragères sur au moins la moitié (½) de sa superficie ;

4° la terre destinée aux constructions et/ou infrastructures, mais dont les développements ne sont pas réalisés pendant les délais prescrits par l'autorité compétente.

**Article 42: Interdiction d'entraver les activités souterraines et aériennes**

Le propriétaire foncier ne peut s'opposer à ce qui se

ikorerwa mu kuzimu cyangwa mu kirere kiri hejuru y'ubutaka bwe mu gihe iyo mirimo igamije inyungu rusange.

Mu gihe iyo mirimo imutera igihombo, nyir'ubutaka agomba guhabwa indishyi ikwiye.

**<u>Ingingo ya 43</u> : Umusoro w'ubutaka n'amahoro ku bukode bw'ubutaka**

Nyir'ubutaka ufite inkondabutaka atanga umusoro ku mutungo utimukanwa uteganywa n'itegeko.

Nyir'ubutaka ufite amasezerano y'ubukode burambye atanga amahoro y'ubukode ku butaka ateganywa n'Iteka rya Perezida.

**<u>Ingingo ya 44</u> : Guhagarika amasezerano y'ubukode burambye**

Mu gihe ukodesha ubutaka ku buryo burambye atubahirije inshingano ze zikubiye mu masezerano y'ubukode burambye, zitandukanye n'ibivugwa mu ngingo ya 38 y'iri tegeko, umukode ashobora, nta yindi mihango akurikije, guhagarika amasezerano y'ubukode abanje gutanga integuza yanditse y'iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi.

**<u>UMUTWE WA V:</u> UBUZIME**

**<u>Ingingo ya 45</u> : Ikoreshwa ry'urwunge rw'amategeko mbonezamubano**

Haseguriwe ibiteganyijwe n'ingingo zihariye z'iri

activities or those in the space above his / her land when such activities are of public interest.

If such activities cause any loss to him/ her, he/she shall receive fair compensation.

**<u>Article 43:</u> Land tax and lease fee**

A land owner with freehold title shall pay property tax as provided for by the law.

A land owner with emphyteutic lease shall pay lease fees as provided for by a Presidential Order.

**<u>Article 44:</u> Emphyteutic lease termination**

In case the lessee does not comply with the lease contract obligations other than those stipulated in article 38 of this Law, the lessor may terminate the lease after a written warning notice of fifteen (15) working days, without any other formalities.

**<u>CHAPTER V:</u> PRESCRIPTION**

**<u>Article 45:</u> Application of the civil code**

Without prejudice to specific provisions stipulated

fait dans la partie souterraine ou aérienne de sa propriété foncière lorsque ces activités visent l'intérêt général.

Dans le cas où ces activités lui causent un préjudice, il doit recevoir une juste indemnisation.

**<u>Article 43:</u> Impôt foncier et frais administratifs fonciers**

Tout propriétaire foncier titulaire d'un titre de pleine propriété doit payer l'impôt immobilier prévu à cet effet par la loi.

Tout propriétaire foncier titulaire d'un bail emphytéotique doit payer la taxe prévue à cet effet par arrêté présidentiel.

**<u>Article 44:</u> Résiliation du bail emphytéotique**

Lorsque le détenteur d'un bail emphytéotique ne remplit plus les obligations contractuelles autres que celles stipulées à l'article 38 de la présente loi, le bailleur peut, sans autres formalités, résilier le contrat de bail, après une mise en demeure écrite de quinze (15) jours ouvrables.

**<u>CHAPITRE V:</u> PRESCRIPTION**

**<u>Article 45:</u> Application du code civil**

Sans préjudice des dispositions particulières

tegeko, ingingo zo mu rwunge rw'amategeko mbonezamubano zerekeranye n'ubuzime zikurikizwa no ku byerekereye ubutaka.

**Ingingo ya 46 : Igihe cy'ubuzime**

Igihe cy'ubuzime mu byerekeranye n'ubutaka ni imyaka mirongo itatu (30). Ubuzime bwemezwa n'icyemezo cy'urukiko rubifitiye ububasha.

**Ingingo ya 47: Ubutaka umuntu yihaye akoresheje uburiganya**

Umuntu wihaye ubutaka bw'inkungu cyangwa indeka cyangwa ubw'undi muntu akoresheje uburiganya, ntashobora kwitwaza ubuzime, kabone n'iyo yaba abutunze igihe kirenze imyaka y'ubuzime ivugwa mu ngingo ya 46 y'iri tegeko.

**Ingingo ya 48 :Umutungo watijwe**

Umuntu ukoresha ubutaka bw'undi ku buryo bw'intizo ntashobora kubwegukana yitwaje impamvu z'ubuzime igihe yaba abumaranye cyose. Ubwo butaka bucungwa na Leta hakurikijwe amategeko .

**Ingingo ya 49 : Kutabaho k'ubuzime ku bagize umuryango**

Nta buzime bw'uburenganzira ku butaka bubaho mu bagize umuryango umwe.

by this Law, provisions of the Civil Code on prescription shall apply to land related matters.

**Article 46: Prescription period**

In land related matters, the prescription period shall be thirty (30) years. The prescription shall be ascertained by a decision of a competent court.

**Article 47: Fraudulent occupation**

A person who, through fraudulent means, occupies vacant and escheat land or other people's land, cannot invoke the right to prescription to claim definite right on it, even if he/ she has occupied it for a period longer than the prescription period provided under Article 46 of this Law.

**Article 48: Borrowed properties**

Any person who occupies other people's land by borrowing shall not claim ownership right on that land based on prescription, whatever the period of the occupation. Such a land shall be managed by the State in accordance with law.

**Article 49: Non-prescription between family members**

There shall be no prescription among members of the same family.

prévues par la présente loi, les dispositions du Code civil relatives à la prescription sont également applicables en matière foncière.

**Article 46: Période de prescription**

En matière foncière, la durée de la prescription est de trente (30) ans. La prescription est constatée par une décision d'une juridiction compétente.

**Article 47: Occupation par des moyens frauduleux**

Celui qui, par des moyens frauduleux, occupe les terres vacantes ou en déshérence ou les propriétés foncières d'autrui, ne peut pas invoquer le bénéfice de la prescription quand bien même cette personne occupe ces terres pour un temps allant au-delà de la période de prescription visée à l'article 46 de la présente loi.

**Article 48: Propriétés empruntées**

La personne qui, au titre d'emprunt, occupe des terres appartenant à autrui, ne peut pas en disposer définitivement pour cause de prescription quel que soit le temps écoulé. Ces terres sont gérées par l'Etat conformément à la loi.

**Article 49: Absence de prescription entre les membres d'une même famille**

Il ne peut y avoir de prescription entre les membres d'une même famille.

Umuryango uvugwa muri iyi ngingo ugaragazwa n'uko abazungura basimburana nk'uko biteganywa n'amategeko abigenga.

**UMUTWE WA VI: IBIHANO KU BYAHA, IBYEMEZO N'IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI**

**Icyiciro cya mbere: Ibihano ku byaha**

**Ingingo ya 50 : Ikurikizwa ry'amategeko ahana ibyaha**

Ibyaha bibangamiye imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka, nk'uko iteganyijwe muri iri tegeko, bihanwa hakurikijwe igitabo cy'amategeko ahana.

**Icyiciro cya 2: Ibyemezo n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi**

**Akiciro ka mbere: Ingingo rusange**

**Ingingo ya 51: Urwego rushinzwe kugenzura no gukurikirana imikoreshereze y'ubutaka**

Ubuyobozi bw'Umurenge bugenzura kandi bugakurikirana niba ubutaka bukoreshwa neza kandi bukabyazwa umusaruro.

Buri mwaka, bitarenze itariki ya 31 Werurwe, Ubuyobozi bw'Umurenge bukora raporo y'igenzura n'ikurikirana ry'imikoreshereze y'ubutaka bw'abantu ku giti cyabo, ubutaka bwahawe abikorera na Leta cyangwa inzego zayo, ubutaka buri mu mutungo bwite wa Leta

The family referred to in this Article shall be determined by the order of sucession as defined by the relevant law.

**CHAPTER VI: CRIMINAL PENALTIES, ADMINISTRATIVE DECISIONS AND SANCTIONS**

**Section One: Criminal penalties**

**Article 50: Application of the penal code**

Crimes against the management and use of land, as provided for by this Law, shall be punishable in accordance with the penal code.

**Section 2: Administrative decisions and sanctions**

**Sub-section One: Common provisions**

**Article 51: Organ in charge of land use inspection**

The Sector administration is in charge of inspecting whether the land is properly exploited and in a productive way.

Every year, at the latest on 31st March, Sector authority shall make, to the District administration, an inspection report on the use of individual land, land allocated by the State or its institutions to investors, land in private domain of the State and its institutions with legal personality.

La famille dont question au présent article est déterminée par l'ordre de la succession tel que défini par la législation y relative.

**CHAPITRE VI: SANCTIONS PENALES, MESURES ET SANCTIONS ADMINISTRATIVES**

**Section première : Sanctions pénales**

**Article 50 : Application du Code pénal**

Les infractions contre le régime foncier, tel qu'il est prévu par la présente loi sont punies conformément au Code pénal.

**Section 2: Mesures et sanctions administratives**

**Sous-section Première: Disposition commune**

**Article 51 : Organe chargé de l'inspection d'utilisation des terres**

L'administration du Secteur est chargée de s'assurer que les terres sont utilisées rationnellement et exploitées de façon productive.

Chaque année et ce au plus tard le 31 mars, l'administration du Secteur fait un rapport à l'administration du District sur l'inspection d'utilisation des terres individuelles, les terres du domaine concédées aux particuliers par l'Etat et par ses entités ainsi les terres du domaine privé de l'Etat

n'ubw'inzego zayo zifite ubuzimagatozi bukayishyikiriza ubuyobozi bw'Akarere.

Ubuyobozi bw'Akarere, bumaze gusesengura izo raporo bwoherereza Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano ze inyandiko ikubiyemo ibyo bwabonye hamwe n'imyanzuro.

**Akiciro ka 2: Icyemezo cyo gufatira ubutaka by'agateganyo**

**Ingingo ya 52 : Impamvu zishobora gutuma ubutaka bufatirwa by'agateganyo**

Mu gihe hari ibimenyetso bigaragaza ko ubutaka bwagenewe ubuhinzi, ubworozi cyangwa amashyamba, bumaze imyaka itatu (3) ikurikirana butabyazwa umusaruro kandi nta mpamvu yumvikana yatanzwe, Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano ze, afite ububasha bwo gufatira ubwo butaka mu gihe cy'imyaka itatu (3).

Iyo nyir'ubutaka atagaragaje ubushake n'ubushobozi bwo kubukoresha icyo gihe gishobora kongerwa.

Mu gihe bigaragaye ko ubutaka bwangirika cyangwa ko kudakoreshwa kwabwo ari intandaro y'umutekano muke, Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano ze, ashobora gufatira ubwo butaka atagombye gutegereza igihe giteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

District authority, after analysing those reports, shall send to the Minister in charge of land an assessment note with recommendations.

**Sub-Section 2: Decision of temporary requisition of land**

**Article 52: Reasons for temporary requisition of land**

Where there is tangible evidence that land meant for agriculture, livestock or forestry, has spent a period of three (3) consecutive years when it is not in use with no sound reason, the Minister in charge of land has power to order requisition of the land for a period of three (3) years.

When the land owner does not demonstrate the will and the capability to use that land, that period may be renewable.

If it is clear that the land is degraded or its disuse is a cause of insecurity, the Minister in charge of land may requisition it irrespective of the period mentioned in paragraph one of this article.

et ses entités dotées de la personnalité juridique.

Après analyse desdits rapports, le District transmet au Ministre ayant les terres dans ses attributions une note de constatations ainsi que des recommandations.

**Sous-section 2 : Mesure de réquisition des terres**

**Article 52 : Raisons pouvant mener à la réquisition des terres**

S'il est constaté que les terres destinées à l'agriculture, à l'élevage ou aux forêts sont restées inexploitées pendant une période de trois (3) années consécutives, sans raison valable, le Ministre ayant les terres dans ses attributions peut en ordonner la réquisition pour une période de trois (3) années.

Cette période peut être renouvelée lorsque le titulaire des droits fonciers ne manifeste pas la volonté et l'aptitude à exploiter sa terre.

S'il est constaté que les terres sont dégradées ou que l'absence d'exploitation estt source d'insécurité, le Ministre ayant les terres dans ses attributions peut en ordonner la réquisition sans tenir compte du délai prévu à l'alinéa premier du présent article.

**Ingingo ya 53: Integuza ku ifatira ry'ubutaka**

Ifatira ry'ubutaka rivugwa mu gika cya mbere cy'ingingo ya 52 y'iri tegeko rikorwa nyuma yo guha nyir'ubutaka cyangwa undi ubukoresha integuza yanditse y'iminsi mirongo ine n'itanu (45) y'akazi.

**Ingingo ya 54: Iragizwa ry'ubutaka bwafatiriwe**

Ubutaka bwafatiriwe bushobora kuragizwa undi muntu ubisabye kandi ugaragaza ko ashoboye kububungabunga no kububyaza umusaruro.

Ibisabwa mu kuragizwa ubutaka n'uburyo bikorwa bigenwa n'Iteka rya Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano ze.

**Ingingo ya 55: Ubutaka bwo mu mutungo bwite wa Leta cyangwa w'inzego zayo bwangirika cyangwa budakoreshwa**

Ubutaka bwo mu mutungo bwite wa Leta cyangwa izindi nzego za Leta, iyo bwangirika, bigaragara ko bugiye kwangirika cyangwa budakoreshwa, buhabwa by'agateganyo umuntu ubwifuza kandi ufite ubushake n'ubushobozi byo kububyaza umusaruro mu gihe kidashobora kurenga imyaka itanu (5).

Urwego rucunga ubwo butaka, rubutanga

**Article 53: Notification for requisition of land**

Requisition of land mentioned in paragraph one of article 52 of this Law shall be carried out after a written formal notice of forty five (45) working days has been given to the land right holder or the person who was supposed to utilize it.

**Article 54: Assignment of requisitioned land**

The requisitioned land may be assigned to another person who so requests and who demonstrates ability to efficiently conserve it and productively exploit it.

Conditions and modalities for assignment shall be established by an Order of the Minister in charge of land.

**Article 55: Degraded or unexploited land in private domain of the State or its organs**

When State land in the private domain or that of other State institutions is degraded, is about to be degraded or is unexploited, it shall be temporarily allocated to an interested person, who has demonstrated the willingness and capability to make it productive, for a period not exceeding five (5) years.

The owning institution of that land shall allocate it

**Article 53 : Mise en demeure de réquisition foncière**

La réquisition dont question à l'alinéa premier de l'article 52 est prononcée après qu'une mise en demeure écrite de quarante cinq (45) jours ouvrables a été donnée au titulaire des droits fonciers ou à la personne qui utilise la terre.

**Article 54 : Gardiennage des terres réquisitionnées**

La terre réquisitionnée peut être confiée à une autre personne, qui en fait la demande, et qui montre des aptitudes à la conserver efficacement et l'exploiter de façon productive.

Les conditions et les modalités pour confier l'exploitation d'une terre à une tierce personne sont déterminées par arrêté du Ministre ayant les terres dans ses attributions.

**Article 55 : Terres du domaine privé de l'Etat ou de ses organes dégradées ou inexploitées**

Lorsqu' une terre déjà dégradée, sur le point d'être dégradée ou inexploitée ressort du domaine privé de l'Etat ou d'autres institutions publiques, elle est confiée temporairement à une personne disposée à la rendre productive pour une période n'excédant pas cinq (5) années.

L'institution qui gère la terre procède à sa

rushingiye ku iteganyamigambi ry'ishoramari rushobora kandi kongera iyo myaka byumvikanyweho n'impande zombi.

Icyakora, urwo rwego rushobora kubwisubiza mbere y'igihe cyumvikanywe rubanje gutanga ingurane yumvikanyweho igenwa hashingiwe ku bikorwa biburiho.

**Akiciro ka 3: Gusubizwa ubutaka bwafatiriwe**

**Ingingo ya 56: Uburenganzira bwo gusaba gusubizwa ubutaka bwafatiriwe**

Nyir'ubutaka bwafatiriwe, hakurikijwe ibikubiye mu ngingo ya 52 y'iri tegeko, ashobora gusaba kubusubizwa nyuma y'igihe bwaragijwe. Ubusabe bushyikirizwa urwego rwafatiriye ubutaka.

Yemererwa kubusubizwa ari uko agaragaje mu nyandiko ko yiyemeje kubukoresha uko bigomba no kububyaza umusaruro mu gihe kitarenga umwaka umwe (1) abusubijwe.

Icyakora nta ndishyi itangwa mu gihe cy'isubizwa ry'ubutaka bwari bwafatiriwe.

**Ingingo ya 57 : Gusuzuma ubusabe bwo gusubizwa ubutaka bwafatiriwe**

Gusaba gusubizwa ubutaka bishyikirizwa Minisitiri

based on a business plan and has the power to renew that period once agreed by both parties.

However, that institution can repossess that land before the expiry of the agreed period after giving appropriate compensation which is estimated based on development on land.

**Sub-section 3: Repossession of requisitioned land**

**Article 56: Right to request for repossession of requisitioned land**

The owner of the requisitioned land as referred to in Article 52 of this Law, may request for its repossession after expiry of the period of its assignment. The request is directed to the organ that has requisitioned the land.

He or she shall enter into repossession upon showing commitment, in writing, to efficiently use it and productively exploit it within a period of not more than one (1) year following the repossession.

However, no compensation shall be given upon repossession of land that was requisitioned.

**Article 57: Assessment of the repossession request**

Application for the repossession of land shall be

concession sur base d'un plan d'affaires et peut également renouveler cette période sur accord des deux parties.

Cependant, l'institution publique qui gère la terre, peut, prématurément mettre fin à la concession temporaire, après versement d'une compensation convenue déterminée sur base des développements opérés sur la terre.

**Sous-section 3: Repossession des terres réquisitionnées**

**Article 56: Droit de demander la repossession des terres réquisitionnées**

Le propriétaire de la terre réquisitionnée, conformément à l'article 52 de la présente loi, peut en demander la repossession à l'issue de la période d'assignation à une tierce personne. La demande en repossession est adressée à l'autorité de réquisition.

La repossession de la terre n'est accordée que si le propriétaire s'engage, par écrit, à l'utiliser de façon efficiente et à l'exploiter de façon productive dans un délai ne dépassant pas une année suivant la repossession.

Toutefois, aucune compensation n'est accordée au moment de la repossession de la terre antérieurement réquisitionnée.

**Article 57: Evaluation de la requête en repossession**

La requête en repossession doit être transmise au

ufite ubutaka mu nshingano ze bigaherekezwa n'inyandiko igaragaza ingamba nshya n'uburyo bwo kubukoresha neza.

Iyo ubusabe bwo gusubizwa ubutaka butemewe, Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano ze, amenyesha nyirabwo mu nyandiko mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) y'akazi, impamvu yo kutakira ubusabe bwe akanamugaragariza ibyo agomba gukosora.
Iyo uwasabye atishimiye icyo cyemezo yitabaza urukiko rubifitiye ububasha.

**Akiciro ka 4: Kwamburwa ubutaka**

**Ingingo ya 58: Ubutaka bushobora kwamburwa nyirabwo**

Ubutaka bwose buri mu byiciro bikurikira bushobora kwamburwa nyirabwo:

1° ubutaka bwafatiriwe nk'uko biteganijwe mu ngingo ya 52 y'iri tegeko, bugasubizwa nyirabwo ariko akananirwa kubahiriza ibikubiye mu ngingo ya 56 y'iri tegeko**;**

2° ubutaka bwafatiriwe bukamara imyaka itarenze mirongo itatu (30), ariko nyirabwo ntasabe kubusubizwa;

3° ubutaka buri mu mbago z'umujyi aho igishushanyo cy'ikatwa ry'ibibanza cyemejwe n'inzego bireba ariko bukaba

submitted to the Minister in charge of land accompanied with a new business plan showing new strategies for its proper exploitation.

When the request is rejected, the Minister in charge of land shall communicate to the concerned party, in writing within a maximum period of thirty (30) working days, the reasons for rejecting the request and inform him/her what should be rectified for consideration.
When the applicant is not happy with that decision, he/she shall refer the matter to a competent court.

**Sub-section 4: Confiscation of land**

**Article 58: Land subject to confiscation**

Any land in the following categories may be confiscated:

1° the land that was requisitioned as mentioned in Article 52 of this Law, which was given back to the owner who fails to respect the provisions of Article 56 of this Law.

2° the land which was requisitioned for less than thirty (30) years years and the owner did not apply for its repossession;

3° the land within urban areas where a detailed physical plan was approved by competent authorities and it is clear that it has spent

Ministre ayant les terres dans ses attributions accompagnée par un document de nouvelles stratégies pour une exploitation rationnelle.

En cas de rejet de la demande en repossession, le Ministre ayant les terres dans ses attributions communique au demandeur les raisons du rejet dans un délai maximum de trente jours (30) ouvrables suivant l'introduction de sa demande. Il est en outre informé des corrections à opérer.
Le demandeur non satisfait des raisons de cette décision saisit une juridiction compétente.

**Sous- Section 4: Confiscation des terres**

**Article 58: Terres susceptibles d'être confisquées**

Toute terre rentrant dans l'une des catégories suivantes peut être confisquée:

1° les terres réquisitionnées en vertu de l'article 52 de la présente loi et remises au propriétaire, mais celui-ci n'a pu honorer l'engagement stipulé à l'article 56 de la présente loi;

2° les terres réquisitionnées pendant une période de moins de trente (30) ans et dont le titulaire des droits fonciers n'a pas réclamé la repossession ;

3° les terres des zones urbaines dotées d'un plan de lotissement approuvé par l'autorité compétente non exploitées pendant trois (3)

bumaze imyaka itatu (3) ikurikiranye budakoreshwa;

4° ubutaka buri mu mbago z'ahagenewe imiturire mu cyaro n'ubw'ahantu hemejwe n'inzego zibishinzwe ko hagomba kugirwa rukuruzi y'amajyambere bufite igishushanyo cy'ikatwa ry'ibibanza cyemejwe n'inzego zibifitiye ububasha ariko bukaba bumaze imyaka itatu (3) ikurikiranye budakoreshwa;

5° ubutaka bwambuwe abantu kubera ko batubahirije amasezerano y'ubukode burambye nk'uko biteganywa mu ngingo ya 44 y'iri tegeko.

Ubutaka buvugwa mu gace ka $1^0$ , aka $3^0$ n'aka $4^0$ tw'iyi ngingo ntibwamburwa nyirabwo igihe bigaragara ko hari impamvu yumvikana ituma budakoreshwa.

**<u>Ingingo ya 59</u>: Urwego rufite ubufasha bwo kwambura ubutaka nyirabwo**

Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano ze, afite ububasha bwo kwambura nyirabwo ubutaka buteganijwe mu ngingo ya 58 y'iri tegeko, agace ka mbere (1º) n'aka kabiri (2º).

Ubutaka buvugwa mu ngingo ya 58 y'iri itegeko uduce aka gatatu (3º), aka kane (4º) n'aka gatanu (5º), bwamburwa nyirabwo n'urwego rwatanze urupapurompamo rw'ubutaka rubisabwe n'Ubuyobozi bw'Akarere ubwo butaka buherereyemo.

three (3) consecutive years unexploited;

4° the land with approved physical plan, that is designated for rural settlement or land designated for fast development by competent authority, that has spent three (3) consecutive years unexploited;

5° land whose emphyteutic lease contract was terminated as provided for under Article 44 of this Law.

Land stipulated in items 1º, 3º and 4º of this article can not be confiscated when there are tangible reasons of its non exploitation.

**<u>Article 59:</u> Competent authority to confiscate land**

The Minister in charge of land shall have the power to confiscate land stipulated in article 58 of this law, in items one (1º) and two (2º).

Land stipulated in Article 58 of this Law, in items three (3º), four (4º) and five (5º), shall be confiscated by the authority that issued the land title based on proposal of District authority where that land is located.

ans successifs;

4° les terres des agglomérations rurales ainsi que celles des pôles de développement dotées d'un plan de lotissement approuvé par l'autorité compétente non exploitées pendant trois (3) ans successifs ;

5° les terres dont le contrat de bail emphytéotique a été résilié tel que le prévoit l'article 44 de la présente loi.

Les terres stipulées aux points 1°,3º et 4º du présent article ne peuvent pas être confisquées lorsqu'il y a un motif valable justifiant la non utilisation.

**<u>Article 59:</u> Autorité compétente pour confisquer la terre**

Le Ministre ayant les terres dans ses attributions a le pouvoir de confisquer les terres stipulées aux points 1° et 2° de l'article 58 de la présente loi.

Les terres stipulées aux points trois ( 3°), quatre (4º) et cinq (5º) de l'article 58 de la présente loi sont confisquées par l'autorité ayant délivré le titre foncier, sur demande de l'Administration du District du lieu où se trouve cette terre.

**<u>Ingingo ya 60</u>: Integuza yanditse**

Icyemezo cyo kwambura ubutaka nyirabwo ntigishobora gufatwa nyirabwo atarahabwa integuza yanditse y'iminsi mirongo cyenda (90) ibarwa uhereye umunsi yayakiriyeho.

Mu gihe nyir'ubutaka atabonetse, integuza ihabwa ukoresha ubutaka, kopi yayo ikamanikwa ku biro by'Akarere, iby'Umurenge, n'iby'Akagari ubutaka buherereyemo mu gihe cy'iminsi mirongo icyenda (90) ibarwa uhereye ku munsi wa nyuma imanikiweho. Iyo nteguza imanikwa n'ahandi hantu hahurira abantu benshi mu Kagari ubutaka buherereyemo kandi igatangazwa mu bitangazamakuru byemewe na Leta.

**<u>Ingingo ya 61</u>: Kugaragaza impamvu zo kwambura ubutaka nyirabwo**

Icyemezo cyo kwambura ubutaka nyirabwo kigomba kugaragaza impamvu zituma nyir'ubutaka abwamburwa, hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko.

Icyo cyemezo kigaragaza kandi itariki nyir'ubutaka yamenyesherejweho ko abukoresha nabi.

**<u>Article 60:</u> Written formal notification**

The decision to confiscate the land from the land right owner cannot be taken before he/she has been given a written formal notice of ninety (90) days as of the date of receipt by the concerned person.

If the land right owner cannot be found, the written formal warning shall be given to the person using the land and a copy of it posted on notice boards of the District, Sector and Cell offices, where the land is located for a period of ninety (90) days as of the date of the last posting. That notice shall also be posted at any place of gathering of a lot of people in the cell where the land is located and also published in newspapers recognised by the State.

**<u>Article 61:</u> Indication of confiscation reasons**

The decision to confiscate land from its owner shall indicate the reason thereof in accordance with the law.

Such a decision shall indicate the day on which the owner was notified for the failure or bad exploitation of the land.

**<u>Article 60:</u> Mise en demeure écrite**

La décision de confisquer une terre au titulaire des droits fonciers ne peut être prise sans mise en demeure préalable et écrite de quatre-vingt-dix (90) jours comptés à partir de la date de sa réception par la personne concernée.

Lorsque le titulaire des droits fonciers ne peut être trouvé, la mise en demeure écrite est remise à l'utilisateur de la terre et copie en est affichée pendant quatre vingt – dix (90) jours, comptés à partir de la date du dernier affichage, au tableau d'affichage de District, de Secteur et de Cellule où la terre est localisée. La mise en demeure est également affichée dans des lieux publics se trouvant dans la Cellule où est localisée la terre et également publiée dans les journaux agréés par l'Etat.

**<u>Article 61:</u> Indication des raisons pour la confiscation**

La décision de confisquer la terre en indique les raisons conformément à la loi.

Cette décision doit mentionner également le jour où le manquement à l'exploitation a été communiqué au titulaire des droits fonciers.

**Akiciro ka 6: Igihano cyo gutanga ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi**

**Ingingo ya 62: Igihano ku makosa ajyanye no gutunganya no gutanga impapurompamo z'ubutaka no kubika urutonde rwazo**

Umubitsi w'impapurompamo cyangwa undi mukozi ushinzwe iyandikwa ry'ubutaka, ukora amakosa abizi neza kandi abishaka, yerekeranye no gutunganya, gutanga impapurompamo z'ubutaka no kubika urutonde rwazo, ahanishwa igihano cyo gutanga ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000).

**Ingingo ya 63: Urwego rushyira mu bikorwa iyishyurwa ry'ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi**

Ubuyobozi bukuriye umukozi uvugwa mu ngingo ya 62 y'iri tegeko nibwo bufite ububasha bwo gutegeka ko ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi yishyurwa kandi igashyirwa mu isanduku ya Leta mu gihe cyategetswe.

**UMUTWE WA VII: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Ingingo ya 64 : Igenagaciro ry'ubutaka**

Umwuga wo kugena agaciro k'ubutaka n'uburyo bikorwa bigenwa n'amategeko abigenga.

**Sub-section 6: Administrative fine sanction**

**Article 62: Sanction related to intentional violations in respect to processing and issuance of land titles and maintenance of land registry**

A registrar of land titles or any other official in charge of land registration, who deliberately, violates regulations related to processing, issuance of land titles and maintenance of land registry, shall be liable to an administrative fine of one hundred thousand (100,000) to one million (1,000,000) Rwandan Francs.

**Article 63: Enforcing authority for payment of administrative fine**

The supervising authority of the official mentioned in Article 62 of this Law shall have the power to enforce the payment of the administrative fine and ensures that it is deposited in the national treasury within prescribed period.

**CHAPTER VII: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**Article 64: Land valuation**

Land property valuation profession and modalities of its practice shall be determined by the relevant laws.

**Sous-section 6: Sanction d'amende administrative**

**Article 62: Sanction relative aux violations délibérées des règles relatives à l'émission et la délivrance des titres fonciers ainsi que la tenue du registre foncier**

Sera sanctionné d'une amende administrative de cent mille (100.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais, le Conservateur des Titres Fonciers ou tout autre officier public qui, de façon délibérée, viole les règles relatives à l'émission et la délivrance de titres fonciers ainsi que la tenue du registre foncier.

**Article 63 : Organe chargé de l'exécution de la sanction de l'amende administrative**

L'autorité hiérarchique de l'agent public dont question à l'article 62 de la présente loi dispose du pouvoir d'ordonner que l'amende administrative soit payée dans le Trésor Public, dans le délai prescrit.

**CHAPITRE VII: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES**

**Article 64: Evaluation foncière**

La profession d'évaluation de la propriété foncière ainsi que les modalités d'exercice sont définies par la législation y relative.

**Ingingo ya 65: Gupima no kugena imbibi z'ubutaka**

Umwuga wo gupima no kugena imbibi z'ubutaka n'uburyo bikorwa bigenwa n'amategeko abigenga.

**Ingingo ya 66: Uburenganzira bw'ubutaka bw'abagererwa**

Abantu bahawe ubutaka n'Abakonde hakurikijwe Iteka N° 530/1 ryo kuwa 26 Mayi 1961 ryerekeye umuco-taka muri Teritwari za Kisenyi na Ruhengeri, bafatwa kimwe n'abandi baturage bose bafite ubutaka bakomora ku muco kuva tariki ya 15 Nzeri 2005.

**Ingingo ya 67: Inshingano zo gufasha abantu kubona ubutaka**

Leta ifite inshingano zo gufasha abantu bavukijwe uburenganzira bwabo ku butaka kubera amateka kububona.

**Ingingo ya 68: Isaranganya ry'ubutaka**

Isaranganya ry'ubutaka ryakozwe hagati y'umwaka wa 1994 n'itariki ya 30 Kamena 2012, ubwo iyandikisha ry'ubutaka rya mbere ryasozwaga, ryemewe n'amategeko. Abatunze ubutaka bwasaranganijwe muri icyo gihe, babufiteho uburenganzira nk'ubw'ababubonye ku bw'umuco.

Umuntu wari wujuje ibisabwa n'amategeko mu gihe isaranganya ry'amasambu ryari ryemewe,

**Article 65: Land surveying**

Land surveying and demarcation profession as well as modalities of its practice shall be determined by the relevant laws.

**Article 66: Abagererwa's land rights**

Persons that were granted land by "Abakonde" according to the decree N°530/1 of 26th May 1961 related to "ubukonde" land regime in Kisenyi and Ruhengeri Territories, are, since September 15th, 2005, considered like any other customary land occupants.

**Article 67: Responsibility to assist in land acquisition**

The Government has the responsibility to allocate land to persons denied rights on their land due to historical reasons.

**Article 68: Land sharing**

Land sharing that was carried out between 1994 and 30th June 2012, when the first systematic registration of all lands was completed, is recognised by the law. Holders of such land shall enjoy the same rights as those under customary holdings.

A person who could have qualified for land sharing when it was still ongoing, but did not, because of

**Article 65: Arpentage**

La profession d'arpentage et de démarcage foncier ainsi que les modalités d'exercice sont définies par la législation en la matière.

**Article 66: Droits fonciers des Abagererwa**

Les personnes qui ont reçu les terres des "Abakonde" conformément à l'édit Nº 530/1 du 26 Mai 1961 relatif au régime foncier de l'ubukonde dans les territoires de Kisenyi et Ruhengeri; sont considérées au même titre que les occupants coutumiers à partir du 15 Septembre 2005.

**Article 67: Devoir d'assister les personnes à acquérir la terre**

L'Etat a le devoir de trouver des terres à ceux qui ont été privés de leur droit à la propriété foncière pour des raisons historiques.

**Article 68 : Partage des terres**

Le partage des terres opéré entre 1994 et le 30 Juin 2012, date à laquelle le premier enregistrement a pris fin, est reconnu et légitimé par la législation. Les bénéficiaires de ce partage des terres sont considérés comme occupants coutumiers.

Toute personne éligible pour le partage des terres au moment où celui-ci était reconnu par la loi, mais qui

akaba atarasaranganyijwe muri icyo gihe kubera ko atari mu Gihugu, ashobora gusaba gutuzwa na Leta. Ubusabe bwe bushyikirizwa Ubuyobozi bw'Akarere ubutaka bwe bwari buherereyemo.

Ibijyanye n'isaranganya ntibitangirwa indishyi cyangwa ingurane.

**Ingingo ya 69: Ubutaka bushobora gutangwa**

Ubutaka bushobora guhabwa umuntu wavukijwe uburenganzira ku butaka kubera amateka bugizwe na:

1° ubutaka bw'indeka;
2° ubutaka bwite bwa Leta;
3° ubutaka bwite bw'ibigo bya Leta;
4° ubutaka bwite bw'inzego z'ibanze.

**Ingingo ya 70: Kwemerwa k'ubutaka bwatanzwe ku buntu**

Iri tegeko ryemera itangwa ry'ubutaka ku buntu**,** ku butaka bwatanzwe na Leta nk'uburenganzira budasesuye bwo gutura no gukoresha ubwo butaka.

Icyakora, ku mpamvu zo kwandika ubutaka, ubwo burenganzira buhindurwa ubukode burambye, habanje gukorwa isuzuma ry'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano Leta yagiranye n'ababuhawe mbere.

not being in the Country during the land sharing period, may seek for resettlement by the Government. His/her request shall be submitted to the District Authority where his/her land was located.

There shall be no compensation in land sharing.

**Article 69: Land that can be allocated**

The land that can be allocated to persons denied rights on their land due to historical reasons consists of:

1° escheat land;
2° private State land;
3° private public institutions land;
4° local authorities' private land;

**Article 70: Recognition of free transfers of land**

This Law recognizes free transfers on land granted by the State as restricted occupation and exploitation right.

Nevertheless, for purposes of land registration, such rights shall be converted into emphyteutic lease, after assessment of compliance with prior given conditions.

n'a pu bénéficier du partage car elle ne se trouvait pas dans le Pays, peut demander d'être réinstallée par l'Etat. Sa demande est adressée à l'autorité du District dans lequel se trouvait sa terre.

Le partage des terres n'ouvre droit à aucune compensation.

**Article 69 : Terres susceptibles d'être allouées**

Les terres susceptibles d'être allouées à ceux qui ont été privés de leur droit à la propriété foncière pour des raisons historiques sont:

1° des terres en déshérence;
2° des terres du domaine privé de l'Etat ;
3° des terres du domaine privé des établissements publics;
4° des terres du domaine privé des entités locales.

**Article 70: Reconnaissance des cessions gratuites**

La présente loi reconnaît les cessions gratuites accordées par l'Etat comme un droit d'occupation et d'exploitation limité.

Néanmoins, aux fins de l'enregistrement foncier, de tels droits sont convertis en bail emphytéotique, après avoir vérifié que les conditions y attachées ont été respectées.

**Ingingo ya 71: Uburenganzira bw'abari basanganywe inkondabutaka**

Umuntu wese wari usanganywe uburenganzira bw'inkondabutaka mbere y'ishyirwa mu bikorwa ry'iri tegeko agumana uburenganzira bwe.

**Ingingo ya 72: Guha agaciro ibyakozwe mbere y'uko iri tegeko ritangazwa**

Ibyakozwe mbere y'uko iri tegeko ritangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda bishingiye ku Itegeko Ngenga N° 08/2005 ryo kuwa 14/07/2005 rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda bigumana agaciro kabyo.

**Ingingo ya 73 : Ingingo y'inzibacyuho**

Mu gihe atarahindurwa, amategeko, amateka n'amabwiriza yashyiraga mu bikorwa Itegeko Ngenga N° 08/2005 ryo kuwa 14/07/2005 rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda akomeza kubahirizwa mu ngingo zayo zose zitanyuranije n'iri tegeko.

**Ingigo ya 74: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Article 71: Status of previous freehold rights**

Any person legally holding freehold rights to land before the coming into force of this Law retains those rights.

**Article 72: Legal effect of acts done prior to the publication of this Law**

All acts concluded before the publication of this Law in the official Gazette of the Republic of Rwanda on basis of Organic Law Nº08/2005 of 15/07/2005 determining the use and management of land in Rwanda shall remain valid.

**Article 73: Transitional provision**

As long as they are not yet amended, all laws, orders and instructions implementing Organic Law Nº08/2005 of 15/07/2005 determining the use and management of land in Rwanda shall remain applicable as long as their provisions are consistent with this Law.

**Article 74: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

**Article 71: Sort des droits de pleine propriété antérieurs**

Tout détenteur légitime de droits de pleine propriété foncière avant l'entrée en vigueur de la présente loi en demeure titulaire.

**Article 72: Validité des actes posés avant la publication de la présente loi**

Les actes passés en application de la Loi Organique nº 08/2008 du 14/07/2005 relatif au régime foncier, avant la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda, restent valables.

**Article 73 : Disposition transitoire**

Aussi longtemps qu'ils ne sont pas modifiés, les lois, Arrêtés et règlements d'application de la loi organique nº 08/2008 du 14/07/2005 relatif au régime foncier restent d'application dans toutes leurs dispositions non contraires à la présente loi.

**Article 74: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée en Anglais, elle a été examinée et adoptée en Kinyarwanda.

**Ingingo ya 75: Ivanwaho ry'amategeko n'ingingo z'amategeko zinyuranije n'iri tegeko**

Itegeko ry'Umwami ryo kuwa 14 Nzeri 1886 ryerekeye imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka no kubwandikisha, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

Itegeko ry'Umwami ryo kuwa 09 Kanama 1893 ryerekeye kugurisha no gukodesha ubutaka bwa Leta;

Itegeko ryo kuwa 30 Gicurasi 1922 ryerekeye inyandiko-mvaho n'inyandikompamo z'ubutaka;

Itegeko ryo kuwa 26 Mata 1932 rishyiraho ibisabwa mu guhindura amasezerano yo gutunga ubutaka ku buryo bw'agateganyo agahinduka amasezerano y'ubukode burambye;

Itegeko ryo kuwa 26 Mata 1932 ryerekeye ubutaka no gushyirwa mu bikorwa inshingano z'ubuvuzi bwemewe n'amategeko;

Itegeko ryo kuwa 24 Mutarama 1943 ryerekeranye n'itangwa ry'ubutaka nta kiguzi ku miryango igamije ubumenyi n'iyobokamana n'ibigo bigamije inyungu rusange;

Itegeko ryo kuwa 12 Kamena 1951 ryerekeye gutunga no gukoresha ubutaka mu buryo bunyuranije n'amategeko;

Itegeko ryo kuwa 21 Mata 1953 rigena aho ubutaka buzajya n'uburenganzira bwo kwisubiza ubutaka

**Article 75: Repealing provision**

King's Decree of 14th September 1886 related to land use, management and registration, as modified and complemented to date;

King's Decree of 9/08/1893 related to selling and leasing state land;

Decree of 30th May 1922 related to authentic documents and land titles;

Decree of 26th April 1932 determining requirements for changing from provisional land occupation contract into empheteutic lease;

Decree of 26th April 1932 related to land and implementation of conventional medical obligations;

Decree of 24th January 1943 related to free land cessions and concessions to scientific and religious associations and to organizations of public interest;

Decree of 12th June 1951 related to illegal land occupancy;

Decree of 21st April 1953 determining the transfer of land and the right to repossess land granted by

**Article 75: Disposition abrogatoire**

Le Décret du Roi-Souverain du 14 septembre 1886 relatif au régime foncier et à l'enregistrement des terres, tel que modifié et complété à ce jour ;

Le Décret du Roi-Souverain du 9 Août 1893 relatif à la vente et à la location des biens domaniaux;

Le Décret du 30 mai 1922 relatifs aux actes authentiques et notariés ainsi qu'aux titres fonciers ;

Le Décret du 26 avril 1932 relatif aux conditions du remplacement des contrats d'occupation provisoire par des contrats d'emphytéose;

Le Décret du 26 avril 1932 relatif aux terres et à l'application des obligations médicales d'ordre conventionnel;

Le Décret du 24 janvier 1943 relatif aux cessions et concessions gratuites aux associations scientifiques et religieuses et établissements d'utilité publique;

Le Décret du 12 juin 1951 relatif à l'occupation illégale des terres;

Le Décret du 21 avril 1953 garantissant la destination et le droit de reprise des terres cédées

bwatanzwe n'inzego z'ubuyobozi bwa Rwanda[-Urundi];

Rwanda [– Urundi] authorities;

par les autorités du Rwanda [-Urundi];

Itegeko ryo kuwa 14 Gashyantare 1956 rigena amafaranga yo kwandikisha ubutaka;

Decree of 14th February 1956 determining fees for land registration;

Le Décret du 14 février 1956 relatif aux droits d'enregistrement en matière foncière;

Itegeko ryo kuwa 11 Nyakanga 1960 ryerekeye imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka ;

Decree of 11th July 1960 related to land use and management;

Le Décret du 11 juillet 1960 relatif au régime foncier;

Iteka N° 530/1 ryo kuwa 26 Mayi 1961 ryerekeye ubukonde muri Teritwari za Kisenyi na Ruhengeri;

Decree Nº 530/1 of 26th May 1961 related to "ubukonde" in Kisenyi and Ruhengeri Territories;

L'Edit nº 530/1 du 26 mai 1961 relatif au régime foncier de l'ubukonde dans les territoires de Kisenyi et Ruhengeri;

Itegeko-teka n° 09/76 ryo kuwa 04 Werurwe 1976 ryerekeye igura n'igurisha ry'amasambu n'ubutaka bigengwa n'umuco cyangwa ubundi butaka bukorerwaho ibikorwa;

Decree-Law Nº 09/76 of 4th March 1976 relating to purchasing and selling of customary rights and occupation rights on land;

Le Décret-loi n°09/76 du 4 mars 1976 portant sur l'achat et la vente de droits coutumiers sur les terres ou des droits d'occupation du sol;

n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranije naryo, bivanyweho.

and all prior legal provisions contrary to this Law, are hereby repealed.

ainsi que toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi, sont abrogés.

**Ingingo ya 76: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

**Article 76: Commencement**

**Article 76: Entrée en vigueur**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y 'u Rwanda.

This Law shall come into force on the day of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa **16/06/2013**

Kigali, on **16/06/2013**

Kigali, le **16/06/2013**

(sé)
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

(sé)
**Dr HABUMUREMYI Pierre Damien**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
**KAGAME Paul**
President of the Republic

(sé)
**Dr HABUMUREMYI Pierre Damien**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
**KAGAME Paul**
Président de la République

(sé)
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux

**ITEGEKO NGENGA N° 04/2013/OL RYO KUWA 16/06/2013 RIKURAHO ITEGEKO NGENGA N° 01/2010/OL RYO KUWA 09/06/2010 RISHYIRAHO KOMISIYO Y'IGIHUGU ISHINZWE IVUGURURWA RY'AMATEGEKO**

**ISHAKIRO**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko ngenga rigamije**

**Ingingo ya 2: Ivanwaho ry'itegeko ngenga**

**Ingingo ya 3: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko ngenga**

**Ingingo ya 4: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko ngenga**

**Ingingo ya 5: Igihe iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa**

**ORGANIC LAW Nº 04/2013/OL OF 16/06/2013 REPEALING ORGANIC LAW Nº 01/2010/OL OF 09/06/2010 ESTABLISHING THE NATIONAL LAW REFORM COMMISSION**

**TABLE OF CONTENTS**

**Article One: Purpose of this Organic Law**

**Article 2: Repealing of the Organic Law**

**Article 3: Drafting, consideration and adoption of this Organic Law**

**Article 4: Repealing provision**

**Article 5: Commencement**

**LOI ORGANIQUE N° 04/2013/OL DU 16/06/2013 ABROGEANT LA LOI ORGANIQUE N° 01/2010/OL DU 09/06/2010 PORTANT CREATION DE LA COMMISSION NATIONALE DE REFORME LEGISLATIVE**

**TABLE DES MATIERES**

**Article premier: Objet de la présente loi organique**

**Article 2: Abrogation de la loi organique**

**Article 3: Initiation, examen et adoption de la présente loi organique**

**Article : Disposition abrogatoire**

**Article 5: Entrée en vigueur**

**ITEGEKO NGENGA N°04/2013/OL RYO KUWA 16/06/2013 RIKURAHO ITEGEKO NGENGA N°01/2010/OL RYO KUWA 09/06/2010 RISHYIRAHO KOMISIYO Y'IGIHUGU ISHINZWE IVUGURURWA RY'AMATEGEKO**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO NGENGA RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 15 Gicurasi 2013;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 22 Gicurasi 2013;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108, iya 201 n'iya 202;

Isubiye ku Itegeko Ngenga n$^{o}$ 01/2010/OL ryo kuwa 09/06/2010 rishyiraho Komisiyo

**ORGANIC LAW Nº04/2013/OL OF 16/06/2013 REPEALING ORGANIC LAW Nº 01/2010/OL OF 09/06/2010 ESTABLISHING THE NATIONAL LAW REFORM COMMISSION**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING ORGANIC LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 15 May 2013;

The Senate, in its session of 22 May 2013;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93,94, 95, 108, 201 and 202;

Having reviewed Organic Law n$^{o}$ 01/2010/OL of 09/06/2010 establishing the National Law Reform

**LOI ORGANIQUE N°04/2013/OL DU 16/06/2013 ABROGEANT LA LOI ORGANIQUE N° 01/2010/OL DU 09/06/2010 PORTANT CREATION DE LA COMMISSION NATIONALE DE REFORME LEGISLATIVE**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI ORGANIQUE DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 15 mai 2013;

Le Sénat, en sa séance du 22 mai 2013;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 201 et 202;

Revu la Loi Organique n$^{o}$ 01/2010/OL du 09/06/2010 portant création de la Commission

y'Igihugu ishinzwe Ivugururwa ry'Amategeko;

**YEMEJE:**

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri tegeko ngenga rigamije**

Iri tegeko ngenga rigamije gukuraho Itegeko Ngenga n° 01/2010/OL ryo kuwa 09/06/2010 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu ishinzwe ivugururwa ry'amategeko.

**<u>Ingingo ya 2</u>: Ivanwaho ry'Itegeko Ngenga**

Itegeko Ngenga nº 01/2010/OL ryo kuwa 09/06/2010 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Ivugururwa ry'Amategeko rivanyweho.

.**<u>Ingingo ya 3</u>: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko ngenga**

Iri tegeko ngenga ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**<u>Ingingo ya 4</u>: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko ngenga**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri tegeko ngenga kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Commission;

**ADOPTS:**

**<u>Article One</u>: Purpose of this Organic Law**

This Organic Law repeals Organic Law nº01/2010/OL of 09/06/2010 establishing the National Law Reform Commission.

**<u>Article 2:</u> Repealing of the Organic Law**

Organic Law nº 01/2010/OL of 09/06/2010 establishing the National Law Reform Commission is hereby repealed.

**<u>Article 3</u>: Drafting, consideration and adoption of this Organic Law**

This Organic Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

**<u>Article 4:</u> Repealing provision**

All prior legal provisions contrary to this Organic Law are hereby repealed.

Nationale de Réforme Législative;

**ADOPTE :**

**<u>Article premier:</u> Objet de la présente loi organique**

La présente loi organique abroge la Loi Organique n° 01/2010/OL du 09/06/2010 portant création de la Commission Nationale de Réforme Législative.

**<u>Article 2:</u> Abrogation de la loi organique**

La Loi Organique n° 01/2010/OL du 09/06/2010 portant création de la Commission Nationale de Réforme Législative est abrogée.

**<u>Article 3</u>: Initiation, examen et adoption de la présente loi organique**

La présente loi organique a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

**<u>Article:</u> Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi organique sont abrogées.

**<u>Ingingo ya 5</u>: Igihe iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa **16/06/2013**

(sé)
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

(sé)
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**<u>Article 5</u>: Commencement**

This Organic Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **16/06/2013**

(sé)
**KAGAME Paul**
President of the Republic

(sé)
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice / Attorney General

**<u>Article 5</u>: Entrée en vigueur**

La présente loi organique entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **16/06/2013**

(sé)
**KAGAME Paul**
Président de la République

(sé)
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**ITEGEKO N° 44/2013 RYO KUWA 16/06/2013 RISHYIRAHO KOMISIYO Y'U RWANDA ISHINZWE IVUGURURWA RY'AMATEGEKO (RLRC) RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYAYO**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Ingingo ya 3: Igihe Komisiyo izamara, ubwigenge n'ubwisanzure**

**Ingingo ya 4: Icyicaro cya Komisiyo**

**UMUTWE WA II :INSHINGANO ZA KOMISIYO**

**Ingingo ya 5: Inshingano**

**UMUTWE WA III: IMIKORANIRE YA KOMISIYO N'URWEGO RUYIREBERERA**

**Ingingo ya 6: Urwego rureberera Komisiyo**

**LAW N° 44/2013 OF 16/06/2013 ESTABLISHING THE RWANDA LAW REFORM COMMISSION (RLRC) AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANIZATION AND FUNCTIONING**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

**Article 2: Definitions of terms**

**Article 3: Duration, independence and autonomy of the Commission**

**Article 4: Head office**

**CHAPTER II: MISSION OF THE COMMISSION**

**Article 5: Mission**

**CHAPTER III: COLLABORATION BETWEEN THE COMMISSION AND ITS SUPERVISING AUTHORITY**

**Article 6: Supervizing authority of the Commission**

**LOI N° 44/2013 DU 16/06/2013 PORTANT CREATION DE LA COMMISSION RWANDAISE DE REFORME DU DROIT (RLRC) ET DETERMINANT SA MISSION, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT**

**TABLE DES MATIERES**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

**Article 2: Définitions des termes**

**Article 3: Durée, indépendance et autonomie de la Commission**

**Article 4: Siège de la Commission**

**CHAPITRE II: MISSIONS DE LA COMMISSION**

**Article 5: Mission**

**CHAPITRE III : COLLABORATION ENTRE LA COMMISSION ET SON ORGANE DE TUTELLE**

**Article 6: Organe de tutelle de la Commission**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 7 : Imikoranire hagati ya Komisiyo na Minisiteri** | **Article 7 : Collaboration between the Commission and the Ministry** | **Article 7: Collaboration entre la Commission et le Ministère** |
| **Ingingo ya 8: Amasezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa** | **Article 8: Performance contract** | **Article 8: Contrat de performance** |
| **UMUTWE WA IV: INZEGO ZIGIZE KOMISIYO N'INSHINGANO ZAZO** | **CHAPTER IV: ORGANS OF THE COMMISSION AND THEIR RESPONSIBILITIES** | **CHAPITRE IV: ORGANES DE LA COMMISSION ET LEURS ATTRIBUTIONS** |
| **Ingingo ya 9: Inzego** | **Article 9: Organs** | **Article 9: Organes** |
| **Icyiciro cya mbere: Inama y'Abakomiseri n'inshingano zayo** | **Section One: Council of Commissioners and its responsibilities** | **Section première: Conseil des Commissaires et ses attributions** |
| **Ingingo ya 10 : Inshingano z'Inama y'Abakomiseri** | **Article 10: Responsibilities of the Council of Commissioners** | **Article 10: Attributions du Conseil des Commissaires** |
| **Ingingo ya 11: Abagize Inama y'Abakomiseri, manda yabo n'ibitabangikanywa** | **Article 11: Members of the Council of Commissioners, their term of office and incompatibilities** | **Article 11: Membres du Conseil des Commissaires, leur mandat et incompatibilités** |
| **Ingingo ya 12: Ishyirwaho ry'abagize Inama y'Abakomiseri** | **Article 12: Appointment of members of the Council of Commissioners** | **Article 12: Nomination des membres du Conseil des Commissaires** |
| **Ingingo ya 13: Irahira ry'Abakomiseri** | **Article 13: Taking oath of Commissioners** | **Article 13: Prestation de serment des Commissaires** |
| **Ingingo ya 14: Umushahara n'ibindi bigenerwa Abakomiseri** | **Article 14: Salary and other benefits entitled to Commissioners** | **Article 14: Salaires et autres bénéfices accordés aux Commissaires** |
| **Ingingo ya 15: Uko Umukomiseri ava ku mwanya** | **Article 15: Removal of a Commissioner** | **Article 15: Perte de la qualité de Commissaire** |
| **Ingingo ya 16: Isimburwa ry'umwe mu bagize Inama y'Abakomiseri** | **Article 16: Replacement of a member of the Council of Commissioners** | **Article 16: Remplacement d'un membre du Conseil des Commissaires** |

| | | |
|---|---|---|
| **Icyiciro cya 2: Biro ya Komisiyo n'inshingano zayo** | **Section 2: Bureau of the Commission and its responsibilities** | **Section 2: Bureau de la Commission et ses attributions** |
| **Ingingo ya 17: Abagize Biro ya Komisiyo** | **Article 17: Composition of the Bureau of the Commission** | **Article 17: Composition du Bureau de la Commission** |
| **Ingingo ya 18: Inshingano za Biro ya Komisiyo** | **Article 18: Responsibilities of the Bureau of the Commission** | **Article 18: Attributions du Bureau de la Commission** |
| **Ingingo ya 19: Inshingano za Perezida wa Komisiyo** | **Article 19: Responsibilities of the Chairperson of the Commission** | **Article 19: Attributions du Président de la Commission** |
| **Ingingo ya 20: Inshingano za Visi Perezida wa Komisiyo** | **Article 20: Responsibilities of the Vice Chairperson of the Commission** | **Article 20: Attributions du Vice -Président de la Commission** |
| **Ingingo ya 21: Inshingano z'Umunyamabanga wa Komisiyo** | **Article 21: Responsibilities of the Secretary of the Commission** | **Article 21: Attributions du Secrétaire de la Commission** |
| **Icyiciro cya 3: Inama Ngishwanama n'inshingano zayo** | **Section 3: Advisory Council and its responsibilities** | **Section 3: Conseil Consultatif et ses attributions** |
| **Ingingo ya 22: Abagize Inama Ngishwanama n'inshingano zabo** | **Article 22: Members of the Advisory Council and their responsibilities** | **Article 22: Membres du Conseil Consultatif et leurs attributions** |
| **Ingingo ya 23: Ishyirwaho ry'abagize Inama Ngishwanama na manda yabo** | **Article 23: Appointment of members of the Advisory Council and their term of office** | **Article 23: Nomination des membres du Conseil Consultatif et leur mandate** |
| **UMUTWE WA V: IMIKORERE Y'INZEGO ZA KOMISIYO** | **CHAPTER V: FUNCTIONING OF THE ORGANS OF THE COMMISSION** | **CHAPITRE V: FONCTIONNEMENT DES ORGANES DE LA COMMISSION** |
| **Icyiciro cya mbere: Imikorere y'Inama y'Abakomiseri** | **Section One: Functioning of the Council of Commissioners** | **Section première: Fonctionnement du Conseil des Commissaires** |
| **Ingingo ya 24: Inama z'Inama y'Abakomiseri** | **Article 24: Meetings of the Council of the Commissioners** | **Article 24: Réunions du Conseil des Commissaires** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 25: Ifatwa ry'ibyemezo n'inyandikomvugo** | **Article 25: Decision making and minutes** | **Article 25 : Prise de décision et procès-verbal** |
| **Ingingo ya 26: Isuzuma rya raporo** | **Article 26: Consideration of reports** | **Article 26: Examen des rapports** |
| **Icyiciro cya 2: Imikorere ya Biro ya RLRC** | **Section 2: Functioning of the Bureau of RLRC** | **Section 2 : Fonctionnement du Bureau de RLRC** |
| **Ingingo ya 27: Inama za Biro ya RLRC** | **Article 27: Meetings of the Bureau of RLRC** | **Article 27: Réunions du Bureau de RLRC** |
| **Icyiciro cya 3: Imikorere y'Inama Ngishwanama** | **Section 3 : Functioning of the Advisory Council** | **Section 3: Fonctionnement du Conseil Consultatif** |
| **Ingingo ya 28: Inama z'Inama Ngishwanama** | **Article 28: Meetings of the Advisory Council** | **Article 28: Réunions du Conseil Consultatif** |
| **Ingingo ya 29: Amategeko ngengamikorere** | **Article 29: Internal rules and regulations** | **Article 29: Règlement d'ordre intérieur** |
| **UMUTWE WA VI: ABAKOZI N'UMUTUNGO BYA KOMISIYO** | **CHAPTER VI: STAFF AND PROPERTY OF THE COMMISSION** | **CHAPITRE VI: PERSONNEL ET PATRIMOINE DE LA COMMISSION** |
| **Icyiciro cya mbere: Abakozi ba Komisiyo** | **Section One: Staff of the Commission** | **Section première: Personnel de la Commission** |
| **Ingingo ya 30: Igenwa ry'inzego z'imirimo** | **Article 30: Determination of the organizational structure** | **Article 30: Détermination de l'organigramme** |
| **Ingingo ya 31: Abakozi** | **Article 31: Staff** | **Article 31: Personnel** |
| **Icyiciro cya 2: Umutungo wa Komisiyo** | **Section 2: Property of the Commission** | **Section 2: Patrimoine de la Commission** |
| **Ingingo ya 32: Umutungo n'inkomoko zawo** | **Article 32: Property and its sources** | **Article 32 : Patrimoine et ses sources** |
| **Ingingo ya 33: Imicungire, imikoreshereze n'igenzura by'umutungo** | **Article 33: Management, use and audit of property** | **Article 33: Gestion, utilisation et audit du patrimoine** |

**Ingingo ya 34: Ingengo y'imari**

**UMUTWE WA VI: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Ingingo ya 35: Ibyakozwe mbere y'uko iri tegeko ritangira gukurikizwa**

**Ingingo ya 36: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko**

**Ingingo ya 37: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko**

**Ingingo ya 38: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

**Article 34: Budget**

**CHAPTER VII: MISCELLENEOUS AND FINAL PROVISIONS**

**Article 35: Actions taken before the enforcement of this Law**

**Article 36: Drafting, consideration and adoption of this Law**

**Article 37: Repealing provision**

**Article 38: Commencement**

**Article 34: Budget**

**CHAPITRE VII: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**

**Article 35: Actions accomplies avant l'entrée en vigueur de la présente loi**

**Article 36: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

**Article 37: Disposition abrogatoire**

**Article 38: Entrée en vigueur**

**ITEGEKO N° 44/2013 RYO KUWA 16/06/2013 RISHYIRAHO KOMISIYO Y'U RWANDA ISHINZWE IVUGURURWA RY'AMATEGEKO (RLRC) RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYAYO**

**TWEBWE, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 11 Kamena 2013;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 10 Kamena 2013;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo ya 61, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108, iya 113, iya 176, iya 183, iya 201 n'iya 202;

Ishingiye ku Masezerano ashyiraho Umuryango

**LAW N° 44/2013 OF 16/06/2013 ESTABLISHING THE RWANDA LAW REFORM COMMISSION (RLRC) AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANIZATION AND FUNCTIONING**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 11 June 2013;

The Senate, in its session of 10 June 2013;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date especially in articles 61, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 113, 176, 183, 201 and 202;

Pursuant to the Treaty for the establishment of

**LOI N° 44/2013 DU 16/06/2013 PORTANT CREATION DE LA COMMISSION RWANDAISE DE REFORME DU DROIT (RLRC) ET DETERMINANT SA MISSION, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 11 juin 2013;

Le Sénat, en sa séance du 10 juin 2013;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 61, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 113, 176, 183, 201 et 202;

Vu le Traité du 30/11/1999 instituant la

w'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba yo kuwa 30/11/1999 nk'uko yavuguruwe kugeza ubu kandi yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 24/01 ryo kuwa 28/06/2007;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rishyiraho Komisiyo y'u Rwanda ishinzwe Ivugururwa ry'Amategeko yitwa "RLRC" mu magambo ahinnye y'icyongereza.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanurwa ku buryo bukurikira:

1° **"Minisiteri":** Minisiteri ifite ubutabera mu nshingano zayo;
2° **"Minisitiri":** Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze.

**Ingingo ya 3: Igihe RLRC izamara, ubwigenge n'ubwisanzure**

RLRC ni urwego rw'Igihugu ruhoraho rufite ubuzimagatozi, ubwigenge n'ubwisanzure mu micungire y'abakozi n'umutungo wayo.

the East African Community of 30/11/1999 as amended to date and as ratified by Presidential Order n° 24/01 of 28/06/2007;

**ADOPTS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

This Law establishes the Rwanda Law Reform Commission abbreviated as "RLRC".

**Article 2: Definitions of terms**

As used in this Law, the terms below shall have the following meanings:

1° **"Ministry":** Ministry in charge of justice;
2° **"Minister":** Minister in charge of justice.

**Article 3: Duration, independence and autonomy of RLRC**

RLRC is a permanent independent public institution with legal personality, administrative and financial autonomy.

Communauté des Etats de l'Afrique de l'Est tel que modifié à ce jour et ratifié par Arrêté Présidentiel n° 24/01 du 28/06/2007;

**ADOPTE:**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

La présente loi porte création de la Commission Rwandaise de Réforme legislative dénommée ''RLRC'' en sigle anglais.

**Article 2: Définitions des termes**

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes :

1° « **Ministère** » **:** Ministère ayant la justice dans ses attributions ;
2° « **Ministre** »: Ministre ayant la justice dans ses attributions.

**Article 3**: **Durée, indépendance et autonomie du RLRC**

RLRC est une institution publique permanente et indépendante dotée de la personnalité juridique et de l'autonomie administrative et financière.

**Ingingo ya 4: Icyicaro cya RLRC**

Icyicaro cya RLRC gishyizwe mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose muri Repubulika y'u Rwanda igihe bibaye ngombwa.

**UMUTWE WA II :INSHINGANO ZA KOMISIYO**

**Ingingo ya 5: Inshingano**

RLRC ifite inshingano rusange kandi ihoraho yo gusuzuma amategeko y'u Rwanda hagamijwe iterambere n'ivugururwa ryayo.

By'umwihariko, RLRC ishinzwe:

1° gusesengura amategeko y'u Rwanda no gutanga ibyifuzo ku bayobozi bireba by'uko yanozwa, yahuzwa n'ibihe n'uburyo yavugururwa hitabwa kuri ibi bikurikira:

a. kuvanaho ibitanoze mu mategeko, gukuraho ingingo zitagikoreshwa cyangwa izidakenewe no koroshya imyandikire n'imyumvire by'amategeko;

b. gushyiraho uburyo bushya mu mikoreshereze y'amategeko ndetse n'inyito nshya bijyanye n'indangagaciro n'ihindagurika

**Article 4: Head office of RLRC**

The Head Office of RLRC shall be located in Kigali City, the Capital of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere within the Republic of Rwanda if deemed necessary.

**CHAPTER II: MISSION OF RLRC**

**Article 5: Mission**

The overall and permanent mission of RLRC shall be to review Rwandan laws with a view to ensure their development and reform.

In particular, RLRC shall be responsible for:

1° analyzing Rwandan laws and providing recommendations to relevant authorities for their improvement, modernization and reform with an emphasis on:

a. the elimination of imperfections in laws, repealing obsolete or unnecessary legal provisions and simplification of the wording and understanding of laws;

b. the eestablishment of new methods of practicing law and new concepts in consonance with the values and changing needs of the Rwandan Society;

**Article 4: Siège de la Commission**

Le siège du RLRC est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu du territoire de la République du Rwanda.

**CHAPITRE II: MISSIONS DU RLRC**

**Article 5: Mission**

RLRC a une mission globale et permanente d'examiner les lois rwandaises en vue de leur développement et de leur réforme.

En particulier, RLRC est chargée de:

1° analyser les lois rwandaises et faire des recommandations aux autorités concernées en vue de leur amélioration, de leur actualisation et de leur réforme en mettant l'accent sur:

a. l'élimination des imperfections figurant dans les lois, l'abrogation des dispositions légales obsolètes ou inutiles et la simplification de la rédaction et la compréhension des lois;

b. la mise en place de nouvelles méthodes de pratique du droit et de nouveaux concepts correspondant aux valeurs et à la variation des besoins de la société rwandaise;

ry'ibikenerwa n'umuryango nyarwanda;

c. gushyigikira no guteza imbere imigendekere myiza y'ubutabera;

2° gukora inyigo igamije gusuzuma amategeko ariho mu gihugu kugira ngo hagaragazwe adashyirwa mu bikorwa ndetse n'amashya akenewe no gutanga inama zikwiye ku bayobozi bireba;

3° gukora urwunge n'ihuzwa biboneye by'amategeko y'u Rwanda;

4° kugaragaza amategeko ateganywa n'Itegeko Nshinga atarashyirwaho no kuyategurira imbanzirizamishinga;

5° gutegura imbanzirizamishinga z'amategeko akeneye kuvugururwa;

6° guhuza amategeko akoreshwa mu gihugu n'amahame ateganywa n'amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwemeje;

7° kugira inama Guverinoma n'Inteko Ishinga Amategeko ku byerekeranye n'ivugururwa ry'amategeko kugira ngo hubahirizwe Itegeko Nshinga;

8° kugira inama inzego za Leta mu rwego rw'amategeko, ku mushinga w'itegeko rireba ivugurura cyangwa ku kindi

c. the support to and improvement of proper administration of justice;

2° conducting studies designed to assess laws applicable in the country in order to identify those that are not implemented and the new ones that may be necessary and advise relevant authorities accordingly;

3° ensuring proper codification and revision of Rwandan laws;

4° identifying laws provided under the Constitution that are not yet put in place and preparing related draft proposals;

5° preparing draft proposals for laws that need to be modified;

6° harmonizing national laws in force with principles provided under international instruments ratified by Rwanda;

7° advising the Government and the Parliament on reform of laws in order to make them consistent with the Constitution;

8° providing public institutions with legal advice on law reform-related draft laws or any other law reform-related issue;

c. le soutien et l'amélioration d'une bonne administration de la justice;

2° faire des études d'évaluation des lois en vigueur au pays pour relever celles qui ne sont pas appliquées et celles nouvelles qui seraient nécessaires et donner des conseils nécessaires aux autorités concernées;

3° assurer la codification et la révision adéquates des lois du Rwanda;

4° identifier les lois prévues par la Constitution qui ne sont pas encore mises en place et en préparer les avant- projets;

5° préparer les avant-projets des lois dont la modification s'avère nécessaire;

6° harmoniser les lois nationales en vigueur avec les principes prévus par les instruments internationaux ratifiés par le Rwanda;

7° conseiller le Gouvernement et le Parlement sur la réforme des lois pour les rendre conformes à la Constitution;

8° donner aux institutions publiques des avis juridiques sur un projet de loi relatif à la réforme de loi ou sur toute autre question

kibazo cyose cyerekeranye n'ivugururwa ry'amategeko;

9° kwakira no gusuzuma ibitekerezo byose ku ivugururwa ry'amategeko yagejejweho n'urwego cyangwa umuntu ubifitemo inyungu.

